# 101: Nabony' uburuhukiro

1.
Nabony' uburuhukiro Muri Kristo Yesu. Ni We musa nihishemo; Nta handi nizeye.

Ref:
Nta wundi wese nizera;Nta kindi nireguza, Keretse Yesu wabambwe, Ari jyew' azize.

2.
Mpagijwe n'agakiza ke,Nta bwoba ngifite; Yansanze, nd’ umunyabyaha; Maz' aranyakira.

3.
Kand' iyo ndway' aramvura, Nkaba muzima pe; Njya mpeshwa n'amaraso ye Ubugingo bushya.

4.
Mpumurijwe n'ljambo rye,N’ Ijambo ry'Imana; Nkijijwe kubw’ izina rye, Singishidikanya.

Visit us at indirimbo.com